MINISTRY OF FOREIGN AFFAIRS AND COOPERATION

DIASPORA GENERAL DIRECTORATE

DIASPORA E-NEWSLETTER No. 21/2009

1st- 9th January 2009

- **KIGALI: RDMF: Rwanda Diaspora Mutual fund igiye gutangira.**

KIGALI: RDMF: Rwanda Diaspora Mutual fund igiye gutangira

Bwana Francois Kanimba(ibumoso) mu kiganiro kigenewe abanyamakuru hatangizwa kumugaragaro RDMF, Providence B Newport,(hagati) na Emmanuel Rurema abayobozi ba technical team ya RDMF(iburyo) ku kicaro cya BNR (PhotoGBarya, TNT)

Diaspora nyarwanda ifatanyije na BNR (Banki nkuru y'igihugu) , DGD/MINAFFET,kuwa 7/1/2009 bagiranye ikiganiro n'abanyamakuru I Kigali kugirango batangaze ko harangiye ibyari bikenewe gukorwa kugirango hageho Rwanda Diaspora Mutual Fund bityo ikaba izatangira gukora byuzuye mu kwezi kwa gatatu.

RDMF ikaba yaremejwe mu mwiherero wahuje Diaspora nyarwanda wabereye I Kigali kuya 21-22/12/2008. Ikaba igamije gukangurira Diaspora nyarwanda gushora imari mu Rwanda yohereza amafaranga mu gihugu cyayo.

"Iki gikorwa kirereksns ko Diaspora imaze kuva mu kuvuga gusa ahubwo ubu yatangiye ibikorwa bigaragara. Ibikorwa bya business n'ishoramari nibyo bizatugirira akamaro ndetse binakagirire n'igihugu cyacu muri Rusange " ibi ni ibyavuzwe n'ukuriye itsinda rishinzwe RDMF, Madamu Providence Bikumbi Newport .
RDMF igamije guteza imbere ishoramari mu Rwanda muri Diaspora aho kugira bayishore hanze y' u Rwanda kandi ikanayifasha kugira uruhare mu guteza imbere imibereho myiza y'abanyarwanda.

Bwana Francois Kanimba , Guverineri wa Banki Nkuru y' u Rwanda yijeje Diaspora nyarwanda ko BNR na CMAC (Capital Markets Advisory Council) biteguye gutanga ibikenewe byose kugirango bashyigikire ishyirwaho rya RDMF. Akaba yarishimiye ko Diaspora yiyemeje gushyira mu bikorwa ibyo yiyemeje.

Nyuma yo gushyirwaho kwa RDMF amafaranga azashyirwamo azashorwa muri Treasury Bonds, zifitiwe garanti

na BNR noneho nyuma inyungu zavuyemo zizashorwa muri higher risk products nka corporate bonds and stocks Nyuma kandi aya mafaranga ashobora no kuzashorwa mu mahanga ahaboneka inyungu nyinshi zagarurwa mu Rwanda.

RDMF izagenzurwa na (monitored and controlled) DiasporaGeneral Directorate ikorera muri MINAFETT, BNR na CMAC kugirango hagenzurwe ko ikora neza, kandi ba nyirayo bajye bahabwa inyungu ku mafaranga bayishoyemo.

Mu minsi igiye kuza hakaba hazabaho ibikorwa byo gukangurira Diaspora nyarwanda aho iherereye hose kugirango itangire gushora amafaranga muri iyi Fund.

Ubuyobozi bwa DGD (Diaspora General Directorate) n'abakozi bayo bose bifurije Diaspora nyarwanda aho iri ku Isi yose Umwaka mushya muhire wa 2009. Uzababere uw' ishya n'ihirwe, umwaka w'amata n'ubuki.